Petero arashaka umugabo wategetse neza urugo rwe.

Ngo umugabo n'umugore bakoze impanuka y'imodoka, bitaba Imana ako kanya.
Bageze ku muryango w'ijuru batonda umurongo kuko bahasanze abandi benshi bategereje kwinjira ! Ni uko Petero abanyuzamo amaso, ashakisha icyo yaheraho kugira ngo amenye abo aha amatiki yo kwinjira mu ijuru bwa mbere ! Niko kubawira ati:
- Abagabo bazi ko bategetse bya nyabyo abagore babo kandi bakumvirwa nibatambuke bajye hariya.
Ntihagira uwinyagambura !
Hashize akanya umugabo umwe yinyara mu isunzu, atera intambwe, arahajya.
Petero aratangara ariyamira, ati :
-Nuko nuko di, wowe uri akagabo !
Uzi ko nari maze imyaka irenga 50 ntabona umuntu w'umugabo uhamye nkawe !
Petero yongeraho ati :
- Ngaho noneho fata ijambo udusobanurire neza uko wowe wabigenje kugira ngo umugore wawe akumvire !
Si yo mpamvu se itumye utera intambwe ukaza hano ?

Nyamugabo ati :

- Reka da, ni umugore wanjye umbwiye ngo nze !

Ngayo ng'uko ! Sinjye wahera !